IBYEMEZO BY'INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA NYAMAGABE YATERANYE KU WA 26 GICURASI 2013.

Ku cyumweru tariki ya 26 Gicurasi 2013; mu cyumba cy'inama cy'Akarere ka Nyamagabe "Innovation Center" hateraniye Inama Njyanama y'Akarere mu nama yayo isanzwe.

Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyamagabe Bwana ZINARIZIMA Diogène, amaze gusuzuma ko umubare wa ngombwa ugenwa n'itegeko (nibura 2/3 by'abagize Inama Njyanama y'Akarere) wuzuye; yatangije inama aranayiyobora. Inama yitabiriwe n'Abajyanama 23 kuri 31 bagize Inama Njyanama y'Akarere ka Nyamagabe.

Iyo nama yitabiriwe kandi na bamwe mu bagize Inteko Ishinga Amategeko y'u Rwanda ari bo:

- Depite MUKAMURANGWA SEBERA Henriette
- Depite NYANDWI Joséph Désiré
- Depite GAHONGAYIRE Aurélie
- Depite NYIRARUKUNDO Ignacienne
- Depite UWIMANA Espérence

Iyo nama yanatumiwemo kandi yitabirwa n'abakuru b'imirimo ku Karere, abakozi bamwe na bamwe bakorera ku Karere hamwe n'Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge igize Akarere ka Nyamagabe.

Umuyobozi w'Inama Njyanama yibukije abitabiriye inama ingingo ziri bwigweho zikurikira:

1. Kwemeza inyandikomvugo y' Inama idasanzwe y'Inama Njyanama yateranye tariki ya 06 Mata 2013
2. Kungurana ibitekerezo ku ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo y'Akarere mu mwaka wa 2012-2013
3. Gusuzuma raporo y'ibikorwa (Narrative and Finance report) ya Komite Nyobozi y'Igihembwe cya III cy'umwaka wa 2012-2013
4. Kwemeza abakozi b'Akarere bakoze ibizamini binyuze mu ipiganwa
5. Gusuzuma raporo ya ″Audit Committee″ y'Akarere ku birebana na raporo z'umugenzuzi bwite w'Akarere ka Nyamagabe
6. Kungurana ibitekerezo ku ngamba zo kongera ibikorwa by'ishoramari mu Karere
7. Kungurana ibitekerezo kuri raporo ya Komisiyo y'Ubuyobozi,Politiki n'Amategeko ku ngurane y'ibibanza byasabwe n'abaturage
8. Kungurana ibitekerezo ku ngamba zo kunoza umutekano mu Karere ka Nyamagabe.
9. Ibindi

Mu bindi hemejwe ku bwumvikane busesuye ko Inama Njyanama yiga ku birebana n'ikiruhuko cy'umwaka wa 2013 cyasabwe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imari, Ubukungu n'Amajyambere.

1. KWEMEZA INYANDIKOMVUGO Y' INAMA IDASANZWE Y'INAMA NJYANAMA YATERANYE TARIKI YA 06 MATA 2013

Inyandikomvugo y'inama idasanzwe y'Inama Njyanama yateranye ku wa 06 Mata 2013, imaze gusomwa mu ruhame no gukorerwa ubugororangingo yemejwe ku bwumvikane busesuye n'abagize Inama Njyanama y'Akarere ka Nyamagabe.

2.KUNGURANA IBITEKEREZO KU ISHYIRWA MU BIKORWA RY'IMIHIGO Y'AKARERE MU MWAKA WA 2012-2013

Abagize Komite Nyobozi y'Akarere bagejeje ku bagize Inama Njyanama ishusho igaragaza aho Imihigo y'umwaka wa 2012-2013 igeze ishyirwa mu bikorwa . Abagize Inama Njyanama bamaze kungurana ibitekerezo ku ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo bishimiye ko ku mihigo 55 yari iteganyijwe , imihigo 47 ingana na 85,5% imaze kugerwaho ku kigereranyo kiri hejuru ya 72% ndetse imwe n'imwe muri yo ikaba yaragezweho birenze 100%. Mu rwego rwo kugirango imihigo yose itaragerwaho 100% (cyane cyane imihigo 8 iri munsi ya 72%) izeswe ku buryo bushimishije kandi mu gihe cyagenwe; Abajyanama bemeje ku bwumvikane busesuye ko Komite Nyobozi igomba gukoresha uburyo bwose bushoboka kugira ngo iyo mihigo yihute izabe yararangiye mbere y'isuzuma rizakorwa n'urwego rw'igihugu. Abagize Inama Njyanama bemeje kandi ko n'indi mihigo yahizwe ku zindi nzego kugera ku mihigo y'ingo igomba kwitabwaho ikagerwaho mu gihe cyagenwe.

Ku mugereka w'ibi byemezo murahasanga document igaragaza aho imihigo y'Akarere yari igeze ishyirwa mu bikorwa kugera tariki ya 21/05/2013.

3.GUSUZUMA RAPORO Y'IBIKORWA (NARRATIVE AND FINANCE REPORT) YA KOMITE NYOBOZI Y'IGIHEMBWE CYA III CY'UMWAKA WA 2012-2013

Abagize Komite Nyobozi y'Akarere bagejeje ku Nama Njyanama raporo y'ibikorwa y'igihembwe cya gatatu cya 2012-2013 hakurikijwe inkingi 4 za Guverinoma arizo,ubukungu ,imibereho myiza ,imiyoborere myiza n'ubutabera. Komite Nyobozi yagaragaje kandi iyinjira n'ikoreshwa ry'amafaranga. Ku ngengo y'imari yari iteganijwe ingana na **10.917.838.617 frw** (Miliyari icumi na miliyoni magana acyenda na cumi na zirindwi n'ibihumbi magana inani mirongo itatu n'umunani na magana atandatu na cumi n'arindwi y'amafaranga y' u Rwanda), hinjiye **6.356.036.070 frw** (Miliyari esheshatu na miliyoni magana atatu mirongo itanu n'esheshatu ,ibihumbi mirongo itatu na bitandatu n'amafaranga mirongo irindwi y'amafaranga y' u Rwanda) angana na 58,2%.Kuri aya mafaranga tuvuze haruguru yinjiye hari hamaze

gukoreshwa **5.920.003.412 frw**(Miliyari eshanu na miliyoni maganacyenda na makumyabiri, ibihumbi bitatu na magana ane na cumi n'abiri y'amafaranga y' u Rwanda) bihwanye na 93,13% by'ayinjiye.Abagize Inama Njyanama bashimye ko ibyinshi mu bikorwa byari biteganyijwe kugeza mu gihembwe cya gatatu cy'umwaka wa 2012-2013 bimaze gukorwa, ibindi na byo bikaba biri mu nzira zo kurangira; banashima n'uburyo amafaranga yinjiye yakoreshejwe. Mu gusoza iyi ngingo, Abajyanama bemeje ku bwumvikane busesuye ko Komite Nyobozi igomba gushyira imbaraga mu gushaka amafaranga atarinjizwa angana na 4.561.802.547 frw ahwanye na 41,8% ugereranije n'ingengo y'imari yose kugira ngo akoreshwe ibyo yari yarateganyirijwe.

4.KWEMEZA ABAKOZI B'AKARERE BAKOZE IBIZAMINI BINYUZE MU IPIGANWA

Perezida w'akanama gashinzwe kujonjora abakozi yagaragarije Abajyanama ibyakozwe byose kugira ngo haboneke umuyobozi ku mwanya wa ″One Stop Center″ y'Akarere kugeza ubu iyoborwa n'umukozi wasinyanye n'Akarere contrat y'igihe kirangira. Mu byakozwe byagaragajwe harimo ko Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa Komisiyo ishinzwe abakozi ba Leta yandikiwe n'ubuyobozi bw'Akarere bumusaba gupiganisha umwanya w'Umuyobozi wa One Stop Center y'Akarere maze agasubiza yemera ko uwo mwanya upiganishwa ndetse Ubuyobozi bw'Akarere bukawupiganisha bufatanyije na RALGA. Mu byagaragajwe kandi hari mo ibaruwa N0 486/RC/13 yo kuwa 20/03/2013 Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa Komisiyo ishinzwe Abakozi ba Leta yandikiye Umuyobozi w'Akarere ka Nyamagabe amugaragariza umukandida HABAYO SINIBAGIWE Juvenal watsinze n'amanota ya mbere (78.6%) ariko akanavuga ko uyu HABAYO SINIBAGIWE JUVENAL yazashyirwa mu mwanya yatsindiye nyuma y'ivugurura hubahirizwa ibaruwa yatanzwe na Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo N0 3213/19/.23 yo kuwa 18/12/2012 ,asaba inzego za Leta guhagarika gukoresha amapiganwa ajyanye no gushyira abakozi mu myanya (Recruitment) ku myanya ya Professional na Support staff ,ndetse anamenyesha ko n'aho amapiganwa yatangiye cyangwa yakozwe ariko abakozi bakaba batarashyirwa mu myanya ,agomba kuba asubitswe kugeza igihe ivugurura rigaragarije imyanya izaba ikenewe kuri buri rwego rwa Leta.

Abajyanama bamaze kungurana ibitekerezo ku nyandiko zavuzwe haruguru ntibasobanukiwe neza impamvu Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa Komisiyo ishinzwe abakozi ba Leta yatanze uburenganzira ngo umwanya upiganishwe hanyuma nyuma akaza kuvuga ko uwatsindiye uwo mwanya yazawushyirwamo nyuma y'ivugurura hubahirizwa ibaruwa yatanzwe na Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo N0 3213/19/23 yo ku wa 18/12/2012, asaba Inzego za Leta guhagarika gukoresha amapiganwa ajyanye no gushyira abakozi mu myanya ku myanya ya Professional na Support Staff. Mu kwanzura kuri iyi ngingo, Abajyanama bemeje ku bwumvikane busesuye ko mbere y'uko uyu mukozi yemezwa; Komite Nyobozi igomba

kuzabanza igasobanuza neza Komisiyo y'Abakozi ba Leta kugira ngo igatanga umurongo usobanutse w'ikigomba gukorwa; kandi banemeza ku bwumvikane busesuye ko mu gihe igisubizo kitaraboneka uyu mwanya uzagumya ugakorwamo nk'uko wari usanzwe ukorwamo hakurijije uburyo bwa contrat.

5. GUSUZUMA RAPORO YA ″AUDIT COMMITTEE″ Y'AKARERE KU BIREBANA NA RAPORO Y'UMUGENZUZI BWITE W'AKARERE KA NYAMAGABE

Abagize audit committee y'Akarere ka Nyamagabe bagejeje ku Nama Njyanama y'Akarere raporo yayo igaragaza imyanzuro yayo y'inama yo ku wa 03/10/2012 n'iyo ku wa 04/05/2013 ari na yo yize ku birebana na raporo y'Umugenzuzi bwite w'Akarere ka Nyamagabe aho basanze harakozwe ubugenzuzi ku bigo bitandukanye bikurikira:

- Ibiro bishinzwe amasoko ya Leta;
- .Ibiro bya logistique;
- .Ikigo nderabuzima cya Nyamagabe;
- .Ibiro by'Inama Njyanama;
- VUP Kibirizi;
- Imirenge ya Gasaka, Kibirizi; Tare na Kitabi

Abagize Inama Njyanama bashimye ibyakozwe n'iyi Komite hamwe n'Ibyakozwe n'Ubugenzuzi bwite bw'Akarere maze basaba Komite Nyobozi ibi bikurikira:

-Kugira uruhare mu ikosorwa ry'amakosa yagaragajwe ashobora gukosorwa

-Gufata ingamba zikwiye kugirango ayo makosa atazongera gukorwa, harimo guhugura abakozi ku nshingano, kugaragariza ibigo byagenzuwe ibyabivuzweho no kubisaba kwikosora.

-Gushyikiriza inzego zibishinzwe abagize uruhare mu makosa aremereye avugwa muri iyi raporo kugira ngo bakurikiranwe.

-Ku birebana n'amafaranga yanyerejwe hagomba gukorwa ibishoboka byose kugira ngo igaruka ryayo ryihutishwe.

-Abagenzuzi bwite b'Akarere bazakurikirane ko amakosa yavuzwe yakosowe banabitangire raporo mbere y'uko umwaka wa 2013 urangira.

6.KUNGURANA IBITEKEREZO KU NGAMBA ZO KONGERA IBIKORWA BY'ISHORAMARI

Abagize Komite Nyobozi bagejeje amakuru ku Nama Njyanama arebana na dosiye eshatu zisaba ibibanza byo gukoreramo ibikorwa by'ishoramari nk'uko babisabwe mu Nama Njyanama idasnzwe yateranye ku wa 06 Kamena 2013, aho bagaragaza ko ibirebana na ziriya dosiye byakurikiranwe zigashyikirizwa Rwanda Housing Authority, kugeza ubuUbuyobozi bw'Akarere bukaba butegereje umwanzuro Rwanda Housing Authority izazifataho. Andi makuru yagaragajwe ni ay' uko "Companies"zasabye ibyo bibanza ziri kwegeranya ibyangombwa bisabwa kugira ngo zibashe kubihabwa.

Abagize Inama Njyanama basabye ko izi dosiye zikomeza gukurikiranwa ku buryo bwihuse, Inama Njyanama ikazongera kwiga ibirebana na zo mu nama idasanzwe iteganyijwe mu mpera z'ukwezi kwa Kamena 2013 ikazifataho umwanzuro.

7.KUNGURANA IBITEKEREZO KURI RAPORO YA KOMISIYO Y'UBUYOBOZI, POLITIKI N'AMATEGEKO KU NGURANE Y'IBIBANZA BYASABWE N'ABATURAGE

Abagize Komisiyo y'Ubuyobozi, Politiki n'Amategeko bagaragarije Inama Njyanama ko ikibanza Bwana Mutagoma Felix yari yahawe basanze koko cyari gisanganwe undi muturage, bityo Inama Njyanama yemeza ku bwumvikane busesuye ko Ubuyobozi bw'Akarere buzamuha ingurane yacyo.

Abagize Komisiyo y'Ubuyobozi, Politiki n'Amategeko bagaragarije kandi Inama Njyanama ko ikibanza Bwana Ingabire Blaise yemerewe cyahawe undi muturage ubu unagituyemo, bityo Inama Njyanama yemeza ku bwumvikane busesuye ko Ubuyobozi bw'Akarere buzamuha kibanza kindi nk'uko yabyemerewe hakurikije ibyo amategeko ateganya.

8. KUNGURANA IBITEKEREZO KU NGAMBA ZO KUNOZA UMUTEKANO MU KARERE KA NYAMAGABE.

Abagize Inama Njyanama bashingiye kuri raporo igaragaza ibihano byafatirwa umuyobozi, umuturage,umuryango udashyira mu bikorwa amabwiriza N0 001/07.01 yo kuwa 04/01/2013 ya Minisitiriw'Ubutegetsi yo kubungabunga umutekano bagejejweho n'abagize Komite Nyobozi y'akarere bemeje ku bwumvikane busesuye ibihano bizahabwa umuturage, umuryango, umukozi n'umuyobozi ku rwego rw'Umudugudu, urw'Akagari, urw'Umurenge n'urw'Akarere utazubahiriza ibikubiye muri aya mabwiriza mu buryo bukurikira :

Ingingo1:Umuyobozi wo ku rwego rw'Umudugudu uwo ariwe wese udashyira mu bikorwa amabwiriza yo kubungabunga umutekano ,akwiye gufatirwa ibyemezo bikurikira:

-Gusabwa ibisobanuro mu nyandiko ,kandi akabitanga mu nyandiko.

-Kwihanangirizwa mu nyandiko.

-Gukurwaho ikizere nyuma y'uko amakosa ye agaragarijwe inteko rusange y'abaturage batuye uwo mudugudu.

-Bitewe n'uburemere bw'amakosa umuyobozi w'Umudugudu ,ashobora guhita akurwaho ikizere ,akavanwa kuri uwo mwanya w'ubuyobozi hakurikijwe amategeko.

Ingingo2:Umuyobozi wo ku rwego rw'Akagari ,kuko n'ubundi asanzwe ari umukozi wa Leta kandi amabwiriza asabwa gushyira mu bikorwa ari aya MINALOC,turasanga kutayashyira mu bikorwa ari ukunyuranya n'ingingo ya 84 y'itegeko N0 22/2002 ryo kuwa 09/07/2002,rishyiraho sitati rusange y'Abakozi ba Leta,bityo rero akaba yahabwa ibihano bigenwa n'iri tegeko mu ngingo zaryo za 92,93.

Ingingo3: Gufatira ibyemezo Umuyobozi ku rwego rw'Umurenge,n'urw'Akarere bikorwa n'Umuyobozi umukuriye mu kazi ,hagakurikizwa ibivugwa mu itegeko rishyiraho sitati rusange y'Abakozi baLeta.

Ingingo4: Umuturage wese utazubahiriza amabwiriza yo gucunga umutekano azagawe mu nteko y'abaturage,niyongera azacibwe amande atarenga 5000 (ibihumbi bitanu), kandi ayo mafaranga azashyirwe mu isanduku ya y'Akarere,kandi naramuka atayatanze uwo muturage azashyikirizwe inzego z'umutekano zikorera hafi y'aho atuye.

Ingingo5:umuryango utazubahiriza amabwiriza yo gucunga umutekano,uzihanangirizwa mu nteko y'abaturage b'aho utuye,niwongera kutubahiriza ibikorwa byo gucunga umutekano ,uzacibwa amafaranga 15.000 (ibihumbi cumi na bitanu) azashyirwa kuri konti y'Akarere.

Mu gusoza iyi ngingo, Abajyanama bemeje ku bwumvikane busesuye ko mbere y'uko ibiyikubiyemo bishyirwa mu bikorwa ;abaturage bazabanza bagasobanurirwa ibikubiye muri aya mabwiriza.

9. IBINDI

Inama Njyanama yemereye Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imari Ubukungu n'Amajyambere Madamu MUKARWEGO Immaculee ikiruhuko cy'umwaka wa 2013 cy'iminsi 15 kizatangira ku wa 15 Nyakanga 2013 nk'uko yabisabye mu ibaruwa yandikiye Perezida w'Inama Njyanama yo ku wa 26 Gicurasi 2013.

Inama yatangije imirimo yayo saa yine n'iminota makumyabiri n'itanu (10h25) iyisoza saa kumi n'iminota mirongo itatu n'itatu (16h33).

Umwanditsi w'inama **Umuyobozi w'inama**

AYINKAMIYE Donatille
Umunyamabanga w'Inama Njyanama
y'Akarere ka Nyamagabe

ZINARIZIMA Diogène
Perezida w'Inama Njyanama
y'Akarere ka Nyamagabe